SEMINARI NTO YA NYUNDO IHAGAZE ITE MU MANOTA Y'IBIZAMINI BYA LETA 2015 ?

Mu mwaka w'amashuri ushize wa 2015, Seminari Nto yaragijwe Mutagatifu Piyo wa cumi yari ifite abanyeshuri 63 mu mwaka wa gatatu ariwo usoza icyiciro rusange Tronc Commun n'abanyeshuri 32 mu mwaka wa gatandatu mu ishami rya MCB(MATHEMATICS CHEMISTY BIOLOGY). Bose babashije gukora ibizamini bya Leta bisoza ibyo byiciro. Aho amanota asohokeye twishimiye umusaruro wabonetse uteye ku buryo bukurikira.

I. Icyiciro rusange(Tronc Commun)

UMWAKA	ABAKOZE	IMITSINDIRE		INOTA RYA MBERE	INOTA RYA NYUMA	AMASOMO ATATU YA MBERE	MOYENNE
		ICYICIRO I	ICYICIRO II				
2013	50	50	0	10	24	MATHS, GEO, ENTREPR	**17.1**
2014	55	54	1	8	34	HISTOIRE, MATHS, ENGLISH	**18.4**
2015	61	59	2	9	37	HISTOIRE, MATHS, GEO	**20.3**

Icyitondrwa :

1. Muri Tronc Commun inota rito niryo ryiza.Uwa mbere mu gihugu aba afite 7
2. Kuri *Moyenne* uko igenda iba nto niko ishuri riba ryatsinze neza.

II. Umwaka wa Gatandatu MCB

UMWAKA	ABAKOZE	IMITSINDIRE		INOTA RYA MBERE	INOTA RYA NYUMA	UKO AMASOMO AKURIKIRANYE	MOYENNE
		ABUJUJE 73	ABAGIZE 70				
2013	22	2	1	73	37	ENTREPR, BIO, CHIMIE, MATHS	**55.4**
2014	31	2	3	73	34	ENTREPR, CHIMIE, BIO, MATHS	**53.4**
2015	32	1	2	73	40	ENTREPR, MATHS, CHIMIE, BIO	**58.2**

Icyitondrwa :

1. Mu mwaka wa gatandatu inota rinini niryo ryiza.Uwa mbere mu gihugu aba afite 73
2. Kuri *Moyenne* uko igenda iba nini niko ishuri riba ryatsinze neza.

Uko bigaragara rero, **mu cyiciro rusange Seminari iragenda isubira inyuma** ugereranije n'imyaka ibiri ibanza. Ibyo wabirebera ku inota rya nyuma ryagiye riboneka ari byo bituma na *moyenne* igenda iba mbi ndetse no ku **mubare w'abaza mu cyiciro cya kabiri ugenda wiyongera**. Imwe mu mpamvu ibitera ni uko muri iyi myaka ibiri 2014 na 2015 hari abanyeshuri bakoze ibizamini barirukanwe kubera imyitwarire mibi bikaba byaratumye badategura ikizamini neza.

Mu mwaka wa gatandatu, **umwaka ushize wa 2015 Seminari yatsinze neza** kurusha imyaka ibiri yabanje. Nibo bari benshi ariko bagize ***moyenne*** iri hejuru bitewe nuko n'uwa nyuma yagize inota ryiza kandi ukabona ko abenshi bagize amanota ari hejuru.

Twifuza ko muri uyu mwaka wa 2016 twazatsinda kurushaho nubwo twawutangiranye impinduka nyinshi zizabanza gutonda abarimu n'abanyeshuri.

Padiri Evariste DUKUZIMANA
Ushinzwe amasomo mu Iseminari Nto ya Nyundo